| <p>Iyo icyatumye aherekezwa kirangiye, umuntu ufunzwe asubizwaho ibikoresho bibuza kwisanzura bikurwaho ageze mu igororero.</p> <p>Amategeko ngengamikorere y’Urwego agena uburyo ibikoresho bibuza kwisanzura bikoreshwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 11: Kudakoresha ibikoresho bibuza kwisanzura</u></b></p> <p>Ibikoresho bibuza kwisanzura ntibikoreshwa ku mugore utwite, urimo kubyara cyangwa umaze kubyara.</p> <p>Ibikoresho bibuza kwisanzura ntibikoreshwa kandi ku muntu uwo ari we wese bigaragara ko ibyo bikoresho byagira ingaruka ku buzima bwe mu gihe byemejwe n’umuganga ubifitiye ububasha.</p> <p><b><u>UMUTWE WA III: SERIVISI Z’IGORORA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 12: Ibikubiye muri serivisi z’igorora</u></b></p> <p>Serivisi z’igorora zikubiyemo ibi bikurikira:</p> | <p>When the escort mission is over, the instruments of restraint are put again on an incarcerated person and they are removed when he or she arrives in the correctional facility.</p> <p>The standard operating procedures of the Organ determine modalities for the use of instruments of restraint.</p> <p><b><u>Article 11: Non-use of instruments of restraint</u></b></p> <p>Instruments of restraint are not used on women during pregnancy, during childbirth or immediately after childbirth.</p> <p>The instruments of restraint are not used on any person where it has been proven by a recognised medical practitioner that they are likely to be harmful to his or her health.</p> <p><b><u>CHAPTER III: CORRECTIONAL SERVICES</u></b></p> <p><b><u>Article 12: Components of correctional services</u></b></p> <p>Components of correctional services are the following:</p> | <p>Lorsque la mission d’escorte est terminée, les instruments de contention sont à nouveau mis sur la personne incarcérée et ils sont ôtés au retour dans l’établissement correctionnel.</p> <p>Les procédures opérationnelles standard de l’Organe déterminent les modalités d’utilisation des instruments de contention.</p> <p><b><u>Article 11: Défense d’utiliser des instruments de contention</u></b></p> <p>Les instruments de contention ne sont pas utilisés sur la femme pendant la grossesse, pendant l’accouchement ou immédiatement après l’accouchement.</p> <p>Les instruments de contention ne sont non plus utilisés sur toute personne s’il est établi par un médecin agréé qu’ils sont susceptibles de nuire à sa santé.</p> <p><b><u>CHAPITRE III: SERVICES CORRECTIONNELS</u></b></p> <p><b><u>Article 12: Composants des services correctionnels</u></b></p> <p>Les composants des services correctionnels sont les suivants:</p> |
|---|---|--|

Official Gazette n° 42 Bis of 17/10/2022

|  |   |   |
|--|---|---|
| <p>1° inyigisho zigamiye guha umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero ubumenyi ku rwego rw'amashuri abanza, ayisumbuye, amakuru ay'imyuga n'ay'ubumenyigiro;</p> | <p>1° educational programme, at primary, secondary and tertiary levels and technical and vocational education training, for a person sentenced to a term of imprisonment served in a correctional facility;</p> | <p>1° programme d'éducation au niveau d'éducation primaire, secondaire et universitaire et de formation technique et professionnelle, pour une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel ;</p> |
| <p>2° amahugurwa ku nyigisho z'imibereho myiza n'uburere mboneragihugu;</p>  | <p>2° training in social and civic education;</p>   | <p>2° formation en éducation sociale et civique;</p>  |
| <p>3° imirimo yongerera ubushobozi umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero;</p>  | <p>3° works of skills development for a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility;</p>   | <p>3° travaux de développement des compétences pour une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel ;</p>  |
| <p>4° gahunda yihariye itegura abari hafi gusubira mu muryango;</p>  | <p>4° social reintegration programme;</p>   | <p>4° programme de réintégration sociale;</p>   |
| <p>5° ubufasha bugamiye kwita ku mibereho ya buri muni y' umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero;</p>   | <p>5° assistance in daily living needs for a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility;</p>  | <p>5° assistance en besoins vitaux quotidiens pour une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel;</p>  |
| <p>6° ibiganiro hagati y'uwakorewe icyaha n'umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero;</p>   | <p>6° exchanges between the victim and a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility;</p>  | <p>6° entretiens entre la victime et une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel ;</p>   |

|   |  |  |
|---|--|--|
| <p>7° indi serivisi yose yagenwa n’Inama Nkuru y’Urwego.</p> <p><b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Inyigisho zigamije guha ubumenyi umuntu ufunzwe wakatiwe igihano cy’igifungo kirangirizwa mu igororero</p> <p>Hakurikijwe amategeko abigenga kandi hagamijwe kugenera umuntu ufunzwe wakatiwe igihano cy’igifungo kirangirizwa mu igororero inyigisho zigamije ubumenyi, Urwego rukora ibi bikurikira:</p> <p>1° gushyiraho ingamba na gahunda bigamije kwigisha gusoma no kwandika umuntu ufunzwe wakatiwe igihano cy’igifungo kirangirizwa mu igororero ;</p> <p>2° gushyiraho gahunda yo kwigisha umuntu ufunzwe wakatiwe igihano cy’igifungo kirangirizwa mu igororero ijyanye na gahunda ya Leta mu kwigisha ku rwego rw’amashuri abanza, ayisumbuye n’amashuri makuru na gahunda y’inyigisho mu mashuri y’ubumenyingingiro n’imyuga.</p> | <p>7° any other service that may be determined by the High Council of the Organ.</p> <p><b><u>Article 13:</u></b> Education programme for a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility</p> <p>In accordance with relevant laws and with a view to equipping a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility with an educational programme, the Organ puts in place the following:</p> <p>1° putting in place strategies and programmes of literacy for a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility;</p> <p>2° Establishing an educational programme for a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility in reference to the government programme of education at primary, secondary and tertiary levels as well as technical and vocational education training.</p> | <p>7° tout autre service qui peut être déterminé par le Haut Conseil de l’Organe.</p> <p><b><u>Article 13:</u></b> Programme d’éducation pour une personne condamnée à une peine d’emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel</p> <p>Conformément aux dispositions légales en la matière et dans le cadre de mettre en place un programme éducatif à l’intention d’une personne condamnée à une peine d’emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel, l’Organe fait ce qui suit :</p> <p>1° mettre en place une stratégie et un programme d’alphabétisation pour une personne condamnée à une peine d’emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel ;</p> <p>2° mettre en place un programme d’éducation pour une personne condamnée à une peine d’emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel conforme au programme du gouvernement sur l’éducation au niveau d’éducation primaire, secondaire et universitaire et sur la formation technique et professionnelle.</p> |
|---|--|--|

|   |   |   |
|---|---|---|
| <p>Umuntu ufunzwe wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero wakurikiye gahunda y'inyigisho rusange ahabwa impamyabumenyi ku masomo yahawe, na ho uwakurikiye gahunda y'imyuga akagererwa impamyabushobozi ku mwuga yahuguriwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 14:</u> Amahugurwa ku nyigisho z'imibereho myiza n'uburere mboneragihugu</b></p> <p>Urwego rugenera abantu bafunzwe amahugurwa ku nyigisho z'imibereho myiza n'uburere mboneragihugu kugira ngo bitegure gusubira mu muryango.</p> <p>Urwego rutegurira kandi rugaha umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero inyigisho zimushishikariza gutekereza ku ngaruka z'imyitwarire ye no gutangira inzira imuganisha ku guhinduka.</p> | <p>An incarcerated person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility who followed a general education programme is awarded a degree certificate for courses covered while the one who followed a professional training programme is awarded a certificate for a profession in which he or she was trained.</p> <p><b><u>Article 14:</u> Training in social and civic education</b></p> <p>The Organ provides training to incarcerated persons in social and civic education for their social reintegration.</p> <p>The Organ also develops and offers programmes to encourage a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility to get an awareness of the consequences of his or her behaviour and initiate a personal process towards change.</p> | <p>Une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel ayant suivi un programme d'éducation générale reçoit un diplôme pour les cours étudiés tandis que celle qui a suivi un programme de formation professionnelle reçoit un certificat correspondant à la profession apprise.</p> <p><b><u>Article 14 :</u> Formation en éducation sociale et civique</b></p> <p>L'Organe offre également aux personnes incarcérées une formation en éducation sociale et civique pour leur réintégration sociale.</p> <p>L'Organe élabore et offre des programmes encourageant une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel à prendre conscience des conséquences de son comportement et à entamer un processus personnel de changement.</p> |
|---|---|---|

|  |   |  |
|--|---|--|
| <p><b>Ingingo ya 15: Imirimo yongerera ubushobozi umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero</b></p> <p>Umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero akora ku bushake umurimo ujyanye n'ubumenyi nyamwuga bwe kugira ngo akomeze kubwongera.</p> <p>Umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero udafite umwuga azi ashobora kwigishirizwa mu bigo byigisha imyuga n'ubumenyingiro by'Urwego kugira ngo ahabwe ubumenyi ku mwuga yihitiyemo.</p> <p>Umurimo uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ugomba kuba ujyanye n'intego yo kugorora n'imibereho myiza y'umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero.</p> <p>Buri gororero rigomba kugira igitabo cyandikwamo imirimo ikorwa buri muni n'abantu bafunzwe.</p> <p>Iyo umurimo uvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ubyara inyungu, amafaranga</p> | <p><b>Article 15: Works of skills development for a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility</b></p> <p>A person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility voluntarily performs an activity in relation to his or her professional skills in order to refresh them.</p> <p>A person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility who does not possess any professional skill may be trained at technical and vocational education training centres of the Organ in order to acquire skills in a profession of his or her choice.</p> <p>The activity referred to in Paragraph One of this Article must be in line with the objective of correction and welfare of a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility.</p> <p>Each correctional facility must have a register of the daily work of the incarcerated persons.</p> <p>If the activity referred to in Paragraph One of this Article generates income, a fee of ten</p> | <p><b>Article 15: Travaux de développement des compétences pour une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel</b></p> <p>Une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel exerce volontairement une activité en rapport avec ses compétences professionnelles en vue de les perfectionner.</p> <p>Une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel sans aucune compétence professionnelle peut être formée dans les centres de formation technique et professionnelle de l'Organe, pour acquérir une compétence dans une profession de son choix.</p> <p>L'activité visée à l'alinéa premier du présent article doit être en rapport avec l'objectif de correction et du bien-être d'une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel.</p> <p>Chaque établissement correctionnel doit avoir un registre des travaux journaliers effectués par des personnes incarcérées.</p> <p>Lorsque l'activité visée à l'alinéa premier du présent article génère un profit, un pécule de</p> |
|--|---|--|

|   |  |  |
|---|--|--|
| <p>ahwanye n'icumi ku ijana (10%) ku nyungu yawukomotseho ahabwa abantu bafunzwe bawukoze.</p> <p>Amategeko ngengamikorere y'Urwego akena uburyo igabana ry'amafaranga avugwa mu gika cya 5 cy'iyi ngingo rikorwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 16:</u> Igihe imirimo yongerera ubushobozi umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero ikorerwa</b></p> <p>Amategeko ngengamikorere agenga igororero akena amasaha imirimo yongerera ubushobozi umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero ikorerwa n'ibigomba kubahirizwa muri ako kazi gakorwa.</p> <p>Icyakora, amasaha y'imirimo yongerera ubumenyi umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero ntagomba kurenga amasaha y'akazi ateganywa n'itegeko rigenga umurimo mu Rwanda.</p> | <p>percent (10%) of the generated income is allocated to the incarcerated persons who carried it out.</p> <p>The standard operating procedures of the Organ determine the modalities for sharing a fee referred to in Paragraph 5 of this Article.</p> <p><b><u>Article 16:</u> Timetable for skills development works for a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility</b></p> <p>The standard operating procedures governing a correctional facility determine hours for skills development works and working conditions for a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility.</p> <p>However, hours of skills development works for a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility must not exceed the working hours provided for by law regulating labour in Rwanda.</p> | <p>dix pour cent (10%) des bénéfices générés est attribué aux personnes incarcérées l'ayant effectuée.</p> <p>Les procédures opérationnelles standard de l'Organe déterminent les modalités pour le partage du pécule visé à l'alinéa 5 du présent article.</p> <p><b><u>Article 16:</u> Horaire des travaux de développement des compétences pour une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel</b></p> <p>Les procédures opérationnelles standard régissant l'établissement correctionnel déterminent les heures des travaux de développement des compétences et les conditions de travail pour une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel.</p> <p>Toutefois, les heures des travaux de développement des compétences pour une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel ne doivent pas dépasser les heures de travail prévues par la loi portant réglementation du travail au Rwanda.</p> |
|---|--|--|



|   |   |  |
|---|---|--|
| <p>Uretse mu gihe akora imirimo yo gusukura mu igororero no gutegura amafunguro, umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kirangirizwa mu igororero ntakora ku munsu w'ikiruhuko rusange kandi ahabwa umunsi umwe (1) wo kuruhuka mu cyumweru.</p> <p><b><u>Ingingo ya 17: Gahunda yihariye itegura abari hafi gusubira mu muryango</u></b></p> <p>Gahunda yihariye itegura abari hafi gusubira mu muryango igamije guha umuntu wakatiwe igihano cy'igifungo kigomba kurangirizwa mu igororero amahirwe yo kongera gusabana no kwegerana n'umuryango we mu minsi ya nyuma y'igihano cye.</p> <p>Urwego rugena ibikubiye muri gahunda yihariye itegura abari hafi gusubira mu muryango, igihe igomba gutangirwa n'uburyo itangwamo.</p> <p>Gahunda yihariye itegura abari hafi gusubira mu muryango ishobora gukorerwa mu igororero cyangwa mu kigo gikorerwamo gahunda yihariye itegura abari hafi gusubira mu muryango.</p> | <p>Except for the cleaning of the premises of a correctional facility and doing the cooking, a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility does not work on official public holidays and he or she is entitled to one (1) day off per week.</p> <p><b><u>Article 17: Social reintegration programme</u></b></p> <p>The social reintegration programme is a programme, which gives a person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility, the opportunity to rebuild ties with and get closer to his or her family, during his or her last days of his or her sentence.</p> <p>The Organ determines the components of the social reintegration programme, its duration and terms of its implementation.</p> <p>The social reintegration programme may be carried out within the correctional facility or in social reintegration centre.</p> | <p>Sauf dans le cas des travaux de nettoyage des locaux de l'établissement correctionnel ou de cuisson, une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel ne travaille pas pendant les jours fériés officiels et elle a droit à un (1) jour de repos par semaine.</p> <p><b><u>Article 17: Programme de réintégration sociale</u></b></p> <p>Le programme de réintégration sociale à est un programme qui offre à une personne condamnée à une peine d'emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel, l'opportunité de renouer des liens et des rapports avec sa famille, pendant les derniers jours de sa peine.</p> <p>L'Organe détermine le contenu du programme de réintégration sociale, sa durée et les modalités de son exécution.</p> <p>Le programme de réintégration sociale peut être effectué dans un établissement correctionnel ou dans un centre de réintégration sociale.</p> |
|---|---|--|

|  |   |  |
|--|---|--|
| <p>Iteka rya Minisitiri rigena ibishingirwaho kugira ngo hashingwe ikigo gikorerwamo gahunda yihariye itegura abari hafi gusubira mu muryango.</p> <p><b><u>Ingingo ya 18:</u> Ibiganiro hagati y’uwakorewe icyaha n’umuntu wakatiwe igihano cy’igifungo kirangirizwa mu igororero</b></p> <p>Urwego rufasha uwakorewe icyaha n’umuntu wakatiwe igihano cy’igifungo kirangirizwa mu igororero kugirana ibiganiro iyo bishoboka. Ibiganiro bitegurwa n’ubuyobozi bw’igororero mu bufatanye n’abafatanyabikorwa bikabera mu ruhame.</p> <p>Amategeko ngengamikorere y’Urwego agena uburyo ibiganiro bikorwa.</p> | <p>A Ministerial Order determines modalities for establishment of a social reintegration centre.</p> <p><b><u>Article 18:</u> Exchange between the victim and the person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility</b></p> <p>The Organ arranges for an exchange between the victim and the person convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility, where possible. The exchange is organised by the correctional facility administration in partnership with stakeholders and takes place in public.</p> <p>The standard operating procedures of the Organ determine modalities to conduct the exchange.</p> | <p>Un arrêté du Ministre détermine les modalités de création d’un centre de réintégration sociale.</p> <p><b><u>Article 18:</u> Entretien entre la victime et la personne condamnée à une peine d’emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel</b></p> <p>L’Organe organise un entretien entre la victime et la personne condamnée à une peine d’emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel, s’il s’avère possible. Cet entretien est organisé par l’administration de l’établissement correctionnel en partenariat avec les partenaires et il se tient en public.</p> <p>Les procédures opérationnelles standard de l’Organe déterminent les modalités relatives à la tenue de l’entretien.</p> |
|--|---|--|

| <b>UMUTWE WA IV: IMICUNGIRE Y'UMUNTU UFUNZWE</b>  | <b>CHAPTER IV: MANAGEMENT OF AN INCARCERATED PERSON</b>   | <b>CHAPITRE IV: GESTION D'UNE PERSONNE INCARCÉRÉE</b>  |
|---|---|--|
| <p><b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Kwakira mu igororero umuntu wakatiwe</b></p>   | <p><b><u>Section One:</u> Admission of a convict into a correctional facility</b></p>   | <p><b><u>Section première:</u> Admission d'une personne condamnée dans un établissement correctionnel</b></p>  |
| <p><b><u>Ingingo ya 19:</u> Ibyitabwaho mbere yo kwakirwa mu igororero</b></p>  | <p><b><u>Article 19:</u> Requirements before admission to a correctional facility</b></p>   | <p><b><u>Article 19:</u> Conditions préalables d'admission dans un établissement correctionnel</b></p>   |
| <p>Umuntu yakirwa mu igororero iyo hari icyemezo cy'urukiko. Icyemezo cy'urukiko kigomba kohererezwa ubuyobozi bw'igororero mu buryo bw'inyandiko.</p>  | <p>A person is admitted to a correctional facility based on a court decision. The court decision must be sent to the administration of the correctional facility.</p>   | <p>Une personne est admise dans un établissement correctionnel lorsqu'il y a une décision judiciaire. La décision judiciaire doit être envoyée à l'administration de l'établissement correctionnel.</p>  |
| <p>Icyemezo cy'urukiko kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo cyandikwa mu gitabo cyabigenewe, hakagaragazwa impamvu zatumye umuntu afungwa, igihe igifungo kizamara, urukiko rwafashe icyemezo, n'umunsi cyafatiweho. Icyemezo cy'urukiko kibikwa muri dosiye y'umuntu ushyizwe mu igororero mu buryo bw'inyandiko.</p> | <p>The court decision referred to in Paragraph One of this Article is recorded in a designated register which indicates reasons for imprisonment, the duration of the imprisonment, the court that took the decision, and the day it was taken. The court decision is kept in the file of the concerned person in document.</p> | <p>La décision judiciaire visée à l'alinéa premier du présent article est enregistrée dans un registre prévu à cet effet qui indique les motifs de l'emprisonnement, la durée de l'emprisonnement, la juridiction qui a rendu la décision, et le jour de la décision. La décision judiciaire est gardée dans le dossier de la personne concernée dans un document.</p> |
| <p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Ibimenyeshwa umuntu winjiye mu igororero</b></p>  | <p><b><u>Article 20:</u> Information provided to a person admitted to a correctional facility</b></p>   | <p><b><u>Article 20:</u> Informations fournies à une personne admise dans un établissement correctionnel</b></p>   |
| <p>Umuntu winjiye mu igororero amenyeshwa uburenganzira bwe mu rurimi yumva neza.</p>   | <p>A person admitted to a correctional facility is informed of his or her rights in a language he</p>   | <p>Une personne admise dans un établissement correctionnel est informée de ses droits dans</p>   |

|   |  |   |
|---|--|---|
| <p>Amenyeshwa kandi ibyerekeranye n'amategeko n'amabwiriza amugenga mu igororero.</p> <p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Ibarurwa n'ibikwa ry'ibintu bwite by'umuntu winjiye mu igororero</b></p> <p>Mbere y'uko umuntu yinjira mu igororero, harebwa ibintu bye bwite afite bitemewe kwinjirana bikabururwa bigashyirwa mu nyandiko. Umuntu ufunzwe n'umuyobozi w'igororero bagashyira umukono cyangwa igikumwe kuri iyo nyandiko.</p> <p>Ubuyobozi bw'igororero bugena ahantu habikwa ibintu bitemewe kwinjizwa mu igororero, ibidashobora kubikwa bigashyirwa umuryango w'umuntu ufunzwe cyangwa bikabikwa n'ubuyobozi bw'igororero mu gihe nta muryango afite.</p> <p>Amategeko ngengamikorere y'Urwego akena ishyingirwa mu bikorwa ry'ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.</p> | <p>or she understands well. He or she is also informed about Laws and regulations governing him or her in the correctional facility.</p> <p><b><u>Article 21:</u> Inventory and safekeeping of personal belongings of a person admitted to a correctional facility</b></p> <p>Before a person is admitted to a correctional facility, his or her personal belongings, which are prohibited from entering, are counted and recorded in a document. The incarcerated person and the director of the correctional facility sign or fingerprint the document.</p> <p>The administration of the correctional facility determines a place in which prohibited items are kept, those that cannot be kept are given back to the family of the incarcerated person or kept by the management of the correctional facility where he or she has no family.</p> <p>The standard operating procedures of the Organ determine the implementation of provisions of Paragraph 2 of this Article.</p> | <p>une langue qu'elle comprend bien. Elle est également informée des lois et règlements qui la régissent dans l'établissement correctionnel.</p> <p><b><u>Article 21:</u> Inventaire et garde des effets personnels d'une personne admise dans un établissement correctionnel</b></p> <p>Avant qu'une personne ne soit admise dans un établissement correctionnel, les effets personnels qu'elle possède et dont l'entrée est prohibée sont inventoriés et enregistrés dans un registre prévu à cet effet dans lequel la personne incarcérée et le directeur de l'établissement correctionnel apposent leurs signatures ou empreintes digitales.</p> <p>L'administration de l'établissement correctionnel détermine un endroit où les objets prohibés sont gardés, ceux qui ne peuvent pas être gardés sont remis à la famille de la personne incarcérée ou gardés par l'administration de l'établissement correctionnel lorsqu'elle n'a pas de famille.</p> <p>Les procédures opérationnelles standard de l'Organe déterminent la mise en application des dispositions de l'alinéa 2 du présent article.</p> |
|---|--|---|

|  |   |   |
|--|---|---|
| <p><b><u>Ingingo ya 22: Dosiye y’umuntu ufuzwe n’imicungire yayo</u></b></p> <p>Dosiye y’umuntu ufuzwe iba irimo ifoto ye, umwirondoro we uriho umukono cyangwa igikumwe, inyandiko y’imiterere y’ubuzima bwe, itariki yafungiweho n’itariki azafungurirwaho, kopi y’urubanza, umuntu yahisemo wamenyeshwa amakuru amwerekeye bibaye ngombwa, ibihano by’imyitwarire ye mu gihe afuzwe n’andi makuru ya ngombwa yasabwa n’ubuyobozi bw’igororero.</p> <p>Amakuru avugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo agomba kugirirwa ibanga kandi akagerwaho gusa n’abantu bafite inshingano z’umwuga zibemerera kuyageraho. Buri muntu wese ufuzwe yemererwa guhabwa ayo makuru amwerekeyeho igihe cyose ayifuje ndetse no guhabwa kopi yayo igihe arekuwe.</p> | <p><b><u>Article 22: File of an incarcerated person and its management</u></b></p> <p>The file of an incarcerated person comprises his or her photograph; his or her identification bearing his or her signature or fingerprint; a document about his or her health conditions; the date of incarceration and date of release; a copy of court judgment; his or her contact person; his or her disciplinary sanctions during incarceration period and any other necessary information as may be requested by the administration of the correctional facility.</p> <p>Records referred to in Paragraph One of this Article must be kept confidential and exclusively accessed by persons authorised by virtue of their professional duties. Every incarcerated person is granted access to those personal records on his or her request, and entitled to receive a copy of such records upon his or her release.</p> | <p><b><u>Article 22: Dossier d’une personne incarcérée et sa gestion</u></b></p> <p>Le dossier d’une personne incarcérée comprend sa photo, son identification signée ou portant une empreinte digitale, un document décrivant son état de santé, la date d’incarcération et la date de libération, une copie de jugement, sa personne de contact, ses sanctions disciplinaires pendant la période d’incarcération ainsi que toute autre information nécessaire pouvant être requise par l’administration de l’établissement correctionnel.</p> <p>Les informations mentionnées à l’alinéa premier du présent article doivent être gardées confidentielles et mises à la disposition uniquement de personnes autorisées en vertu de leurs responsabilités professionnelles. Toute personne incarcérée a l’accès à ces informations personnelles à sa demande, et a le droit d’en recevoir une copie au moment de sa libération.</p> |
| <p><b><u>Ingingo ya 23: Aho umuntu afungirwa n’impamvu zituma yimurwa</u></b></p> <p>Umuntu afungirwa mu igororero riri hafi y’umuryango we iyo bishoboka.</p>   | <p><b><u>Article 23: Place of incarceration and grounds for transfer</u></b></p> <p>A person is incarcerated in a correctional facility which is near his or her family’s domicile where possible. However, an incarcerated person may be transferred to a</p>  | <p><b><u>Article 23: Lieu d’incarcération et raisons de transfert</u></b></p> <p>Dans la mesure du possible, une personne est incarcérée dans un établissement correctionnel qui est proche du domicile de sa famille. Toutefois, une personne incarcérée peut être</p>   |

Official Gazette n° 42 Bis of 17/10/2022

|  |   |  |
|--|---|--|
| <p>Icyakora, umuntu ufunzwe ashobora kwimurirwa mu igororero riri kure y'umuryango we iyo:</p> <p>1° hari imirimo irimo gukorerwa mu igororero afungiyemo yabangamira ubuzima bwe;</p> <p>2° yitwara nabi kenshi kandi kumwimura bikaba ari bwo buryo bwatuma ahindura imyitwarire;</p> <p>3° agomba kujya kwivuriza kure y'aho igororero yari afungiyemo riherereye;</p> <p>4° agiye kuburanira mu rukiko ruri kure y'igororero yari afungiyemo;</p> <p>5° hari indi mpamvu ifite ishingiro.</p> <p>Iyo umuntu ufunzwe yimuriwe mu rindi gororero, ubuyobozi bw'igororero bubimenyeshya umuntu yahisemo ko bimenyeshwa. Iyo uwimurwa ari umuntu ufunzwe by'agateganyo, bimenyeshwa urukiko agomba kuzaburaniramo,</p> | <p>correctional facility which is far from his or her family's domicile if:</p> <p>1° there are ongoing works carried out in the correctional facility in which he or she is incarcerated and that may cause harm to his or her health;</p> <p>2° he or she often misbehaves and his or her transfer is the only way that may lead him or her to change his or her behaviour;</p> <p>3° he or she ought to go to seek medical care far from the correctional facility in which he or she was incarcerated;</p> <p>4° he or she goes to appear before a court located far from the correctional facility in which he or she was incarcerated;</p> <p>5° there is any other reasonable ground.</p> <p>If an incarcerated person is transferred to another correctional facility, the correctional facility management notifies his or her contact person. If the person to be transferred is under provisional detention, the court before which he or she must appear, the</p> | <p>transférée à un établissement correctionnel qui est loin de du domicile de sa famille lorsque:</p> <p>1° il y a des travaux en cours d'exécution dans un établissement correctionnel au sein duquel elle est incarcérée qui peuvent mettre en danger sa santé;</p> <p>2° elle se méconduit souvent et que son transfert s'avère le seul moyen de faire changer son comportement;</p> <p>3° elle doit recevoir des soins médicaux loin de l'établissement correctionnel au sein duquel elle était incarcérée;</p> <p>4° elle va comparaître devant une juridiction qui est loin de l'établissement correctionnel au sein duquel elle était incarcérée;</p> <p>5° il y a tout autre motif valable.</p> <p>Lorsqu'une personne incarcérée est transférée à un autre établissement correctionnel, l'administration de l'établissement correctionnel en informe sa personne de contact. Si la personne devant être transférée est en détention provisoire, son transfert est</p> |
|--|---|--|

|   |  |  |
|---|--|--|
| <p>umushinjacyaha ufite idosiye ye n'umwunganizi we.</p>  | <p>prosecutor in charge of his or her case and his or her lawyer are also notified.</p>  | <p>également notifié à la juridiction devant laquelle elle doit comparaître, au procureur chargé de l'affaire et à son avocat.</p>   |
| <p>Iyo umuntu ufunzwe yimuwe, dosiye ye ishyikirizwa ubuyobozi bw'igororero yimuriwemo.</p>   | <p>Where an incarcerated person is transferred, his or her file is handed over to the administration of the correctional facility he or she is transferred to.</p>   | <p>Lorsqu'une personne incarcérée est transférée, son dossier est remis à l'administration de l'établissement correctionnel où elle est transférée.</p>  |
| <p>Iyo impamvu yo kwimurwa ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo itakiriho, umuntu ufunze wimuriwe ahandi kure y'umuryango we ashobora kugarurwa aho yari afungiyemo ku busabe bwe cyangwa bikoze n'ubuyobozi bw'igororero afungiyemo.</p> | <p>In case the ground of transfer specified in Paragraph One of this Article does no longer exist, the incarcerated person transferred to a correctional facility which is far from his or her family's domicile may be brought back where he or she was incarcerated on his or her request or on the initiative of the correctional facility administration of where he or she is incarcerated.</p> | <p>Dans le cas où le motif de transfert spécifié à l'alinéa premier du présent article n'existe plus, la personne incarcérée transférée dans un établissement correctionnel qui est loin du domicile de sa famille peut être ramenée là où elle a été incarcérée sur sa demande ou à l'initiative de l'administration de l'établissement correctionnel où elle est incarcérée.</p> |
| <p>Amategeko ngengamikorere y'Urwego agena uburyo ibivugwa muri iyi ngingo bishyirwa mu bikorwa.</p>  | <p>The standard operating procedures of the Organ determine the implementation of this Article.</p>  | <p>Les procédures opérationnelles standard de l'Organe déterminent la mise en œuvre du présent article.</p>  |
| <p><b><u>Ingingo ya 24: Inshingano z'umuntu ufunzwe</u></b></p>   | <p><b><u>Article 24: Obligations of an incarcerated person</u></b></p>   | <p><b><u>Article 24: Devoirs d'une personne incarcérée</u></b></p>   |
| <p>Umuntu ufunzwe afite inshingano zikurikira:</p>  | <p>An incarcerated person has the following obligations:</p>   | <p>Une personne incarcérée a les devoirs suivants:</p>   |
| <p>1° kubaha ubuyobozi bw'igororero no kubahiriza amategeko n'amabwiriza amugenga mu igororero;</p>   | <p>1° to respect the correctional facility management and abide by laws and</p>  | <p>1° respecter l'administration de l'établissement correctionnel et les lois</p>  |

*Official Gazette n° 42 Bis of 17/10/2022*

|   |  |   |
|---|--|---|
| <p>2° kugira imyitwarire myiza;</p> <p>3° kwita ku mutekano we bwite;</p> <p>4° kubahiriza umutekano w'abandi bantu bafunzwe n'uw'abakozi b'igororero;</p> <p>5° kugira isuku y'umubiri, iy'imyambaro, iy'inyubako n'iy'ibikoresho by'igororero n'iy'aho afungiyeye;</p> <p>6° kwitabira gahunda yihitiyemo zimufasha kunguka ubumenyi zitegurwa n'ubuyobozi bw'igororero;</p> <p>7° Indi nshingano ubuyobozi bw'igororero bushobora guha umuntu ufunzwe bumaze kugisha inama Komisariya Nshingwabikorwa.</p> | <p>regulations which govern him or her in a correctional facility;</p> <p>2° to have good conduct;</p> <p>3° to ensure his or her own safety;</p> <p>4° to respect the safety of other incarcerated persons and that of correctional officers;</p> <p>5° to keep clean his or her body, clothes, facilities and equipment of a correctional facility and incarceration area;</p> <p>6° to participate in programmes of his or her choice enabling him or her to acquire skills as prepared by the correctional facility management;</p> <p>7° such another duty as may be assigned to the incarcerated person by the management of the correctional facility upon consultation with the Executive Commissioner's Office.</p> | <p>et règlements qui la régissent dans l'établissement correctionnel;</p> <p>2° avoir une bonne conduite;</p> <p>3° veiller à sa propre sécurité;</p> <p>4° respecter la sécurité des autres personnes incarcérées et celle des agents correctionnels;</p> <p>5° garder la propreté corporelle, vestimentaire, celle des installations de l'établissement correctionnel, des équipements de l'établissement correctionnel et celle du lieu d'incarcération;</p> <p>6° participer dans les programmes lui facilitant d'acquérir des compétences telle que planifiés par la direction de l'établissement correctionnel ;</p> <p>7° autre tâche que l'administration de l'établissement correctionnel peut assigner à la personne incarcérée après concertation avec le Commissariat Exécutif.</p> |
|---|--|---|



|  |  |   |
|--|--|---|
| <p><b><u>Icyiciro cya 2:</u> Amacumbi y’abantu bafunzwe</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 25:</u> Gucumbikira abantu bafunzwe mu byiciro</b></p> <p>Abantu bafunzwe bashyirwa mu nyubako mu byiciro hakurikijwe igitsina, imyaka n’imiterere y’ubuzima byabo cyangwa ibihano bakatiwe n’inkiko kandi bagacumbikirwa mu nyubako zitandukanye z’igororero, aho bishoboka.</p> <p>Abagabo n’abagore bashyirwa mu nyubako zitandukanye kandi abantu bafunzwe by’agateganyo bagatandukanywa n’abakatiwe igihano cy’igifungo kirangirizwa mu igororero .</p> <p>Mu igororero rifungiyemo abagabo n’abagore, igice kirimo abagore kigenzurwa n’abakozi b’Urwego b’abagore, naho igice kirimo abagabo kigenzurwa n’abakozi b’Urwego b’abagabo.</p> <p>Abana bafunzwe bashyirwa mu igororero ryihariye kandi bakitabwaho n’abakozi bafite ubumenyi bujyanye n’imicungire y’abakoze ibyaha bakiri abana.</p> | <p><b><u>Section 2:</u> Accommodation of incarcerated persons</b></p> <p><b><u>Article 25:</u> Accommodation of incarcerated persons in categories</b></p> <p>Incarcerated persons are placed into blocks by categories depending on their sex, age, health condition or sentences rendered by courts and accommodated in separate blocks of the correctional facility, where possible.</p> <p>Men and women are placed in separate blocks and persons under provisional detention are separated from persons convicted to a term of imprisonment served in a correctional facility.</p> <p>In a correctional facility hosting men and women, the block hosting women is supervised by female officers of the Organ and the block hosting men is supervised by male officers of the Organ.</p> <p>Incarcerated minors are sheltered in a particular correctional facility and supervised by officers with skills relating to the management of juvenile offenders.</p> | <p><b><u>Section 2:</u> Hébergement des personnes incarcérées</b></p> <p><b><u>Article 25:</u> Hébergement des personnes incarcérées dans des catégories</b></p> <p>Les personnes incarcérées sont placées dans des blocs par catégories en fonction de leur sexe, de leur âge, de leur état de santé ou des peines prononcées par les juridictions et sont hébergées dans l’établissement correctionnel dans des blocs séparés, si possible.</p> <p>Les hommes et les femmes sont placés dans des blocs séparés et les personnes placées en détention provisoire sont séparées des personnes condamnées à une peine d’emprisonnement purgée dans un établissement correctionnel</p> <p>Dans un établissement correctionnel qui abrite les hommes et les femmes, le block des femmes est surveillé par des agents de l’Organe de sexe féminin et le block des hommes est surveillé par des agents de l’Organe de sexe masculin.</p> <p>Les mineurs incarcérés sont logés dans un établissement correctionnel particulier et sont supervisés par les agents ayant une expertise dans la gestion des délinquants juvéniles.</p> |
|--|--|---|

| <b><u>Ingingo ya 26: Imiterere y’amacumbi</u></b>  | <b><u>Article 26: Structure of accommodations</u></b>  | <b><u>Article 26: Structure des hébergements</u></b>  |
|--|--|---|
| <p>Abantu bafunzwe baba mu byumba rusange cyangwa mu byumba byihariye hagendewe ku bushobozi bw’igororero.</p> <p>Ibikenerwa bya ngombwa n’abagore n’abagabo bafunzwe byitabwaho muri buri nyubako y’igororero.</p> <p>Ubuyobozi bw’igororero bugomba gukora ibishoboka byose mu korohereza abantu bafunze bafite ubumuga bw’umubiri cyangwa ibibazo by’ihungabana kugira amahirwe angana yo gukoresha ku buryo busesuye kandi bunoze ibikorwa remezo by’igororero.</p> <p>Ibyumba rusange by’abantu bafunzwe bigomba kuba bifite umwanya uhagije kandi bitunganyije. Bigomba kuba bifite isuku, ubuhumekero n’urumuri bihagije bifasha abantu bafunzwe kugira ubuzima bwiza.</p> <p>Amategeko ngengamikorere y’Urwego agena ibikenerwa bya ngombwa bivugwa mu gika cya 2 cy’iyi ngingo.</p> | <p>Incarcerated persons are housed in dormitories or in individual cells depending on the capacity of a correctional facility.</p> <p>The specific needs of women and men incarcerated are taken into consideration in each correctional facility building.</p> <p>The correctional facility management must do everything possible to facilitate incarcerated persons with physical disabilities or psychiatric disorders to have full and effective access to correctional facility infrastructures on an equitable basis.</p> <p>Dormitories of incarcerated persons must have sufficient space and be orderly. They must be clean with sufficient ventilation and light to facilitate incarcerated persons to have good health.</p> <p>The standard operating procedures of the Organ determine the specific needs referred to in Paragraph 2 of this Article.</p> | <p>Les personnes incarcérées sont logées dans des dortoirs ou dans des cellules individuelles, selon la capacité de l’établissement correctionnel.</p> <p>Les besoins spécifiques des femmes et ceux des hommes incarcérés sont pris en considération dans chaque bâtiment de l’établissement correctionnel.</p> <p>L’administration de l’établissement correctionnel doit faire tout son possible pour aider des personnes incarcérées ayant un handicap physique ou troubles psychiatriques à avoir l’accès complet et efficace aux infrastructures de l’établissement correctionnel sur une base équitable.</p> <p>Les dortoirs des personnes incarcérées doivent avoir un espace suffisant et être ordonnés. Ils doivent être propres avec une ventilation et une lumière suffisantes pour permettre aux personnes incarcérées d’avoir une bonne santé.</p> <p>Les procédures opérationnelles standard de l’Organe déterminent les besoins spécifiques visés à l’alinéa 2 du présent article.</p> |

|  |  |   |
|--|--|---|
| <p><b><u>Ingingo ya 27: Gusohoka mu igororero</u></b></p> <p>Umuntu ufunzwe yemerewe gusohoka mu igororero kubera imwe mu mpamvu zikurikira:</p> <p>1° kuburana;</p> <p>2° kwivuzza;</p> <p>3° gukora imirimo yemejwe n’ubuyobozi bw’igororero;</p> <p>4° iyo ahamagajwe n’urwego rwa Leta rubifitiye ububasha;</p> <p>5° indi mpamvu yakwemezwa n’ubuyobozi bw’igororero itanyuranyije n’amategeko ngengamikorere y’Urwego.</p> <p>Ubuyobozi bw’igororero bugena umubare uhagije w’abakozi b’igororero baherekeza abantu bafunzwe bemerewe gusohoka mu igororero.</p> | <p><b><u>Article 27: Going out of a correctional facility</u></b></p> <p>An incarcerated person is allowed to go out of the correctional facility for one of the following reasons:</p> <p>1° to appear before court;</p> <p>2° to seek medical treatment;</p> <p>3° to carry out works approved by the administration of the correctional facility;</p> <p>4° when he or she is summoned by a competent governmental organ;</p> <p>5° any other reason not contrary to the standard operating procedures of the Organ as approved by the administration of correctional facility.</p> <p>The administration of a correctional facility provides enough correctional officers to escort incarcerated persons allowed to go out of the correctional facility.</p> | <p><b><u>Article 27: Sortir de l’établissement correctionnel</u></b></p> <p>Une personne incarcérée est autorisée à sortir de l’établissement correctionnel pour l’une des raisons suivantes:</p> <p>1° comparaitre devant une juridiction;</p> <p>2° bénéficier d’un traitement médical;</p> <p>3° effectuer des travaux approuvés par l’administration de l’établissement correctionnel ;</p> <p>4° lorsqu’elle est convoquée par un organe compétent de l’État;</p> <p>5° tout autre motif non contraire aux procédures opérationnelles standard de l’Organe tel qu’approuvé par l’administration de l’établissement correctionnel.</p> <p>L’administration de l’établissement correctionnel rend disponible un nombre suffisant d’agents correctionnels qui escortent les personnes incarcérées autorisées à sortir de l’établissement correctionnel.</p> |
|--|--|---|

|   |  |   |
|---|--|---|
